**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU MUHANGO WO KURAHIZA PEREZIDA WA KOMISIYO Y'U RWANDA ISHINZWE IVUGURURWA RY'AMATEGEKO**

***Kigali, ku wa 12 Ukuboza 2019***

1. Ba Nyacyubahiro mutandukanye muteraniye hano; batumirwa mwitabiriye umuhango wo kurahiza Perezida wa Komisiyo y'u Rwanda Ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko, mbanje kubasuhuza, mwaramutse !
2. Nk'uko biteganywa n'Itegeko n° 44/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'u Rwanda Ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko (RLRC) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo[1], mbere yo gutangira imirimo yabo, abakomiseri muri iyo komisiyo barahirira imbere y'Urukiko rw'Ikirenga indahiro iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Indahiro ivugwa, ni na yo Madamu Mukantaganzwa Domitilla amaze kutugezaho. Iyo ndahiro imuha ububasha bwo gutangira kuzuza ku mugaragaro, inshingano yahawe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Mu izina ry'Urukiko rw'Ikirenga, tukaba twishimiye kwakira indahiro amaze kutugezaho.
3. Uretse kuba indahiro Mukantaganzwa amaze kutugezaho imuha ububasha, ni n'igihango amaze kugirana n'ubuyobozi bw'Igihugu n'Abanyarwanda kigaragaza ibyo yiyemeje kuzageraho n'uburyo azabigeraho. Twizeye ko Madamu Mukantaganzwa azuzuza inshingano ze neza duhereye ko no mu gihe cyashize izo yagiye ahabwa, ndetse twavuga zari ziremereye, yazujuje neza : kuko kuba Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca. Ubunararibonye yakuyemo buzamubera umusingi azubakiraho inshingano nshya.
4. Perezida wa Komisiyo umaze kurahira, afite inshingano ziremereye zo kuyobora iyo komisiyo, no guhuza ibikorwa byayo bigendanye no gusuzuma amategeko y'u Rwanda hagamijwe iterambere n'ivugururwa ryayo.
5. Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga, hari inzego zahawe inshingano zo gutora no gushyiraho amategeko. Mbere y'uko imishinga y'amategeko igera kuri izo nzego, hari inzira igomba kunyuramo ari na ho akazi ka komisiyo gashingiye ahanini. Aha ni na ho duhera tuvuga ko akazi gategereje Perezida wa Komisiyo umaze kurahira ari kenshi, ariko

[1] Ingingo ya 13

tukongeraho ko kugakora neza kandi vuba bishoboka ku bufatanye n'abasanzwe bakora muri iyo komisiyo, baba abakozi bahoraho ndetse n'abakomiseri bayo.

6. Kuva komisiyo yo kuvugura amategeko yajyaho, imaze gukora akazi kenshi kandi keza. Abanyarwanda bakwishimira ko hari amategeko menshi amaze kujyaho, andi atari ajyanye n'igihe harimo n'ayo twasigiwe n'abakoloni akaba yaravanyweho andi aravugururwa. Ibyo byose komisiyo yarabigizemo uruhare rugaragara, bikanagaragaza ko yagiyeho ikenewe.
7. Gushyiraho amategeko mashya no kuvugura asanzweho ni akazi gahoraho kandi gasaba ubushishozi no kugendera ku mahame mbonezamwuga mu birebana no kwandika amategeko (***legal drafting***) kugira ngo itegeko rizaze ari igisubizo ku kibazo cyacukumbuwe, kandi ntiribe imbogamizi ku mibereho myiza y'Abanyarwanda no ku iterambere ry'Igihugu. Ibyo byagerwaho mu gihe ishyirwaho cyangwa ivugururwa ry'amategeko, ryashingira ku bushakashatsi no ku nyigo, ku bitekerezo by'abo rireba, iby'abarikoresha kenshi n'ibitekerezo by'impuguke.
8. By'umwihariko, turasaba Perezida wa komisiyo kwita ku mpungenge zagaragarajwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza rwaciye ku itariki ya 4/12/2019, zirebana n'uko itangwa ry'ibihano riteganyijwe mu itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange. Mu nyungu zo kubahiriza uburenganzira ku butabera buboneye (due process), iryo tegeko ryavugururwa, itangwa ry'ibihano rigakurikiza amahame rusange abigenga.
9. Ikindi cyo kwitondera mu gushyiraho amategeko mashya no kuvugurura asanzwe, ni uko amategeko ashyirwaho atagomba kuvuguzanya hagati yayo kandi atari cyo umushingamategeko agambiriye. Ivuguruzanya ry'amategeko rigira ingaruka ku bayokoresha no ku bo areba, kuko hafatwa ibyemezo bitandukanye biyashingiyeho, bigatera urujijo aho gukemura ikibazo.
10. Reka nsoze iri jambo nifuriza Madamu Mukantaganzwa kuzuzuza neza inshingano nshya amaze kurahirira, namusezeranya ko ubufatanye busanzweho hagati y'Urwego rw'Ubucamanza na komisiyo agiye kuyobora buzakomeza. Mwifurije kandi n'umuryango we gusoza neza umwaka wa 2019 no kuzagira umwaka muhire wa 2020.

Murakoze.